



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA WERURWE 2018

10 Mata 2018

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA WERURWE 2018

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 0,9% mu kwezi gushize kwa Werurwe 2018 ugereranyije na Werurwe 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 0,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 0,9% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 2,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamatseho 3,8%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2018 na Werurwe 2017, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamatseho 1,7%.

Wagereranya ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2018) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) ibiciro byiyongereyeho 0,7%. Iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,6% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamatseho 1,6%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Werurwe 2018 ibiciro mu byaro byagabanutseho 2,9% ugereranyije na Werurwe 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -2,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 2,9% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 10,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2018) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 2,2%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Werurwe 2018 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 1,4% ugereranyije na Werurwe 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -1,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,4% mu kwezi kwa Werurwe 2018 ni igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 7,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2018) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) ibiciro byiyongereyeho 1,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,0%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2017 kugeza muri Werurwe 2018.

| Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2017 kugeza muri Werurwe 2018 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|--|------|------|------|------|------|-----|------|-----|------|------|------|------|------|
| | 2017 | | | | | | 2018 | | | | | | |
| | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 7,7 | 7,3 | 6,5 | 4,8 | 3,5 | 3,2 | 3,8 | 3,6 | 2,2 | 0,7 | 1,3 | 0,7 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 15,7 | 15,9 | 14,5 | 11,8 | 10,5 | 9,4 | 8,9 | 6,3 | 1,0 | -1,0 | -0,9 | -2,7 | -2,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 13,0 | 12,9 | 11,7 | 9,4 | 8,1 | 7,2 | 7,1 | 5,3 | 1,6 | -0,2 | 0,1 | -1,3 | -1,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,6 | 0,4 | -0,2 | -0,8 | -0,1 | 0,2 | 1,1 | 1,2 | -1,2 | -1,2 | 0,2 | 0,6 | 0,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,5 | 0,7 | -1,4 | -1,2 | 0,1 | 0,9 | 1,9 | 1,5 | -4,3 | -2,5 | -0,2 | 0,5 | 1,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,2 | 0,6 | -1,0 | -1,0 | 0,0 | 0,6 | 1,5 | 1,4 | -3,0 | -1,9 | 0,0 | 0,5 | 1,1 |
| <i>Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i> | | | | | | | | | | | | | |

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'iposita 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare
y'ubukungu; claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro;
lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw